Republic of Rwanda
Ministry of Education
NORTHERN PROVINCE
RULINDO DISTRICT

RTB | RWANDA TVET BOARD

BUYOGA TSS
P.O.BOX:27 BYUMBA
E-MAIL:buyogatvetschool@gmail.com
Tel:+250788357209

**BABYEYI Y'IGIHEMBWE CYA GATATU CY' UMWAKA W'AMASHURI 2025-2026 KU BANYESHURI BA L5 (BDC,FBO, PWO)**

**Umubyeyi wa:………………………………………………………**

**Babyeyi dufatanyije kurera,tunejejwe no kubamenyesha ko umwana wanyu asabwa kuzaza ku ishuri mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'amashuri 2025-2026 yitwaje ibi bikurikira**

**1.Amafaranga**

| Icyiciro | Amafaranga y'ishuri(school fees) | Amafaranga yo kunganira ikigo ku bikoresho by'isuku | Amafaranga yo ku babeshaho mu gihe cy' ibizamini bya leta | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| L5 | **85000 F** | **3000 F** | **10000F** | **98,000F** |

**Aya mafaranga yavuzwe haruguru yishyurwa kuri konti y' UMWALIMU SACCO iri hasi. Mushobora no gukoresha terefoni mukanda *182*3*10*1* code za SDMS z' umunyeshuri , urwego ukemeza ubundi ugakurikiza amabwiriza. Ntawemerewe gukoresha indi konti muzo twari dusanzwe dukoresha itari UMWALIMU SACCO kuko abarwa nkutishyuye.**

| Izina rya banki | Konti | Izina rya konti |
|---|---|---|
| UMWALIMU SACCO | 98005 | Mu mazina ya: Buyoga TSS |

- **IDENI RYIYONGERA KUMAFARANGA TWAVUZE HARUGURU:………………………………………….**
- **Umwana arasabwa kuza ku ishuri amaze kwishyura amafaranga y' ishuri.**
- **Ibikoresho by' isuku:amasabune** 2 maremare imwe yakatwamo amasubune 5,isume, impapuro suku za tuwareti eshanu,Umuti w'amenyo (toothpaste) nibura igura 1000F, Uburoso bw'amenyo, Amavuta yo kwisiga yamara igihembwe, Umunyeshuri aza kwiga kandi yitwaje amafaranga 1500 yo kwiyogoshesha mu gihe kingana n' igihembwe.
- **Umunyeshuri aza kwiga yitwaje ibiryamirwa bigizwe**: amashuka peri 2 n' icyo kwiyorosa (couvre-lit) ndetse n' inzitiramibu.
  - Ibikoresho byo ku meza: isahani , ikanya n' igikombe bya aruminiyumu; gulude yo kunywesha amazi.

**2. Imyambaro:**

- **Imyambaro y' ishuri:**Umunyeshuri aza gutangira igihembwe cya gatatu yitwaje gusa impuzankano (uniformes) y' ishuri, umupira w' ingofero w' ibara rimwe ry' umukara, inkweto z' umukara n' amasogisi yera.
- **Imyenda n'inkweto bya siporo:**Imyenda ikoze mu budodo bwa niro ifite ibara ry' umukara, inkweto zagenewe gukora siporo.
- **Imyenda yo gukorana pratique:**
  a. **Ubwubatsi n' ubwubatsi bw' ibikorwa remezo:(BDC&PWO):** Igisurubeti cy' ubururu ,inkweto za cyuma mbere n'uturindantoki (gloves) twa gifundi.
  b. **Serivisi zo gutegura no gutanga ibiribwa n'ibinyobwa (FBO)** :Imyambaro y' igikoni n'iya serivisi bidozwe mu gitambaro cya cotton.
  **-Imyambaro y'igikoni**: Ishati y'igikoni ifungirwa habiri,apron, igitambaro cyo guhanagura ibikoresho**,** agatambaro ko mu ijosi , ipantaro y'umukara itamufashe cyane, ingofero y'igikoni n'inkweto zera z'igikoni zitanyerera.
  -**Imyambaro ya serivisi**: Ishati yera, ipantaro y'umukara itamufashe cyane na karuvati ya papyoni y'umukara, inkweto z'umukara n'amasogisi y'umukara.

  **Icyitonderwa**:Ibi ni itegeko kuko birebwaho/bigenerwa amanota mu kizaminni cya leta.
- Mathematical set,Periodic table of elements na calculator n' ikarine y' inama kutarabizanye
- Kwizanira impapuro 300 zokwifashisha mu gukora ibizamini byatanzwe mu myaka yashize.

  **Icyitonderwa:**

- Ababyeyi barasabwa kohereza abana ku ishuri hagendewe ku ingengabihe iba yatanzwe na NESA, umwana utayubahirije aza aherekejwe n' umubyeyi atamuherekeza agasubizwa mu rugo nkuko ari umwanzuro w' inteko rusange yo kuwa 22 Gashyantare 2026.
- Abana bazakora isuzumabumenyi bakigaruka ku ishuri, tukaba tubashishikariza gusubiramo amasomo bifashishije urubuga rwa E-learning bashyiriweho na RTB.(murabona ingengabihe y'amasomo ku mugereka w'iyi baruwa cyangwa mugasura urubuga https://buyogatss.educationvolunteer.xyz/
- Umunyeshuri agaruka ku ishuri yitwaje iyi babyeyi iriho amazina n'umukono by'umubyeyi we cg umurera uzwi n'ishuri**.**

**Amazina y' umubyeyi:……………………………………………………**
**Telefone:...........................................................................**
**Umukono:…………………………………………………………………**

Bikorewe i BUYOGA kuwa 26 Werurwe 2026
[…]WIMEZA Richard, Umuyobozi wa Buyoga TSS